



# Inkende n'ingona


Fulgence Ntibatekereza

Kinyarwanda


African Storybook.org




Inkende yahuriye n'ingona ku kiyaga.



Inkende ibaza ingona iti: "Ese uba he?"



Ingona irayisubiza iti: "Mba mu mazi."




Ingona ibaza inkende iti: "Wowe uba he?"

Inkende iti: "Mba mu biti."




Ingona irayibaza iti: "Uzi koga se?"


Inkende iti: "Oya, ntabyo nzi."




Ingona iti: "Ndakwigisha nshuti yange. Kandi ntugire ubwoba."



Ingona ibwira inkende iti: "Mugenzi wange rero, marume ararwaye kandi arashaka inyama."




Inkende igira ubwoba cyane. Ingona se yaba ishaka kuyirya?



Inkende ishaka uburyo yayicika.




Inkende iravuga iti: "Nungutse igitekerezo."



Irakomeza iti: "Ndaguha umutima wange uwumuhe."




Yungamo iti: "Kandi umutima wange uri mu giti hariya ku butaka."



Ingona iti: "Urawunzanira se?"

Inkende iti: "Yego rwose."



Ingona yoga igana ku butaka.

Inkende iva mu mazi ihita ijya mu giti.



Ingona iti: "Uri indyarya nta bucuti bwawe!"



Inkende iti: "Nta bucuti bwaweahubwo washakaga kundya!"

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Inkende n'ingona

**Umwanditsi** -- Mulualem Daba
**Ubuhinduzi** -- Fulgence Ntibatekereza
**Icyitegererezo** -- Abraham Muzee
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Interuro yambere

© African Storybook Initiative 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.08.26